*They that can give up essential liberty to obtain a little temporary safety deserve neither liberty nor safety.*
Benjamin FRANKLIN

# IJAMBO

N° 40 Fax : (250) 7 6574 Tél 7 2695 B.P. 2154 KIGALI Cpte BCR 25 222/02 Avecom

100 Fr

*HANGIMANA Fr. Xavier : Rédacteur en Chef Tél. : 7 4886*

"Give me liberty, or give me death"
*Patrick HENRY*



*Aho kunigwa n'ijambo uzanigwe n'uwo uribwiye*

CENTRE DE FORMATION ET DE RECHERCHE
513

# «Ubutware» bwa HABYARIMANA burangwa n'ubuswa

**RUCAGU twizeragamo umuyoboke wa MDR avugwaho kuba ariwe ugaba ibitero bigamije gutsemba abarwanashyaka ba MDR. Mwumve ibisobanuro atanga**



## Repubulika ya II y'u Rwanda ntacyo yamariye impunzi z'abahutu b'abarundi

umwe mu cyumweru wo kwakira ibibazo by'abaturage.

bategetsi ko basabwe kureka abaturage bakitorera uwo bashaka, abategetsi bacika intege, ntorwa ntyo.

## Ba SEBATWARE na BAGARAGAZA ntibigeze bangezaho umushinga MDR.

Abantu babonye amshyaka aje bati RUCAGU ntagomba kuguma muri M.R.N.D. n'ibintu bamukoreye. Abo rero ni ibyo bitekerereza kuko nta muntu n'umwe waje ngo ambaze. Njye rero nagumye muri M.R.N.D. kubera ko :

- Aho najya nahasanga abantu, nabo bakankorera nk'ibyo.
- Aho abantu bari, hanuka uruntu-runtu.
- Aho abantu bari, ntihabura ibibazo.
- Muri *MDR PARMEHUTU*, nabayemo. Icyo gihe nari Responsable muri Komini NYAMUGALI. Uko abategetsi baviringaga amatora, narabibonaga.
- Nabonye amatiku yakoreshejwe kugira ngo BICAMUMPAKA Balthazar acibwe muri *PARMEHUTU*, yamburwe ubuparumehutu.
- Nabonye amatiku yakozwe kugira ngo bateshe abadepite umurongo ubwo bari bamaze kugaragaza amakosa y'abategetsi ba «*MDR PARMEHUTU*» muri 1968.
- Ntaho ibibazo bitaba.
- Wirukana umugore uguguna igufa, ukazana urimira bunguri.
- Ni iki kimbwira ko ngiye mu rindi shyaka ntahura n'ibibazo.
- Maze imyaka 18 nsobanurira abaturage ko M.R.N.D. ari nziza, nahera he nsobanurira abaturage ko ibaye mbi !
- Hagize umbaza ati watubeshye imyaka 18 yose, none ugiye mu rindi shyaka, ni iki kitwemeza ko noneho ibyo uzatubwira bizaba ari byo ? Kuba narabaye umuyobozi w'abantu mu mpande nyinshi z'igihugu, nigisha amatwara ya M.R.N.D., nabyo ni imwe mu mpamvu zatumye ntayivamo. Umuturage yumva ko umutegetsi atagomba kumubeshya nk'uko umwana azi neza ko umubyeyi atabeshya, umunyeshuri akaba azi ko umwarimu atabeshya.
- Iyo ubeshye uri umutegetsi, uba utesheje ubutegetsi agaciro.
- Ikindi kandi, ibibazo nabigiranye n'abantu, ntabwo ari M.R.N.D.
- Abantu bateshukaga ku ntego zayo, bakandwanya, ariko mu mategeko yayo siko byari byanditse.
- Tugomba kwirinda kwitiranya ishyaka n'abantu.
- Ikindi kandi, abantu nibo bica ishyaka, naho ubundi nta shyaka riba ribi.
- Ndemeza ko *MDR PARMEHUTU* atari yo yategetse ko BICAMUMPAKA acibwa ngo yamburwe ubuparmehutu. Ntabwo ari MDR yategetse ko abadepite bo muri 1968 bateshwa umurongo.
- Ni abategetsi bitwikiriye ishyaka bakora ayo marorerwa.
- Na M.R.N.D. rero ahanini irazira abategetsi bayitwaza bagakora amarorerwa.
- Ibintu nk'ibyo ntibizabura mu bantu, igihe cyose abantu bazaba bakiriho, bakiri kuri iyi si. Nyamara byose bigerekwa ku ishyaka !

Abandi bantu benshi bazi ko ndi inshuti ya BAGARAGAZA, SEBATWARE, MWITENDE Placide; uwo we ni databukwe. Ubwo rero bagakeka ko byanze bikunze, nzajya mu ishyaka barimo. Kuri iyo ngingo ho rero nakubwira ko iyo umuntu ari mukuru ahitamo uko ashaka. Ikindi kandi abo bose nta n'umwe muri bo waje kumbwira ko bazashinga ishyaka. SEBATWARE naramugendereye ndara iwe, turara tuganira, ariko ntiyigeze ambwira ko azashinga ishyaka. BAGARAGAZA nawe naramugendereye, ndara iwe, turara tuganira, ariko ntacyo yigeze ambwira ku ishyaka azashinga. Databukwe MWITENDE nawe ntacyo yigeze abimbwiraho.

Bigeze mu kwezi kwa gatatu 1990, nibwo nahamagariwe gufatanya n'abandi bantu kuvugu[...]
M.R.N.D. Tumaze kuyivugur[...]
raporo tuyishyikiriza Perezida [...]
M.R.N.D. tunaboneraho kum[...]
zeranya ko tuzamufasha gushy[...]
kira M.R.N.D. ivuguruye. Nyu[...]
yaho nongeye kujya gusura S[...]
BATWARE, turaganira, [...]
kumbwira ati uzaze dufatanye m[...]
M.D.R. Ubwo namubwiye ko [...]
maze kwemerera Perezida [...]
M.R.N.D. ko nzamufasha m[...]
M.R.N.D. Mubwira ko ahubwo [...]
we ubwe ndetse na BAGARAG[...]
ZA, bari bakwiye kuguma m[...]
M.R.N.D. kubera ko babanye [...]
ne na Perezida HABYARIMAN[...]
bakaba bafitanye amabanga [...]
nshi, kubera ko bakoranye muri [...]
pubulika ya mbere no mu ya ka[...]
kandi uretse no gukorana, ba[...]
barabanaga ku buryo bw'umw[...]
riko. Nanababwiye ko bitabasho[...]
keye kuguma muri M.R.N.D., b[...]
kwigumira aho ntibagire ishya[...]
bajyamo.

## Data bukwe, na SE[...] BATWARE na BAGA[...] RAGAZA nzakomez[...] mbubahe !

Abantu bose bazi imibano [...]
BAGARAGAZA, SEBATWA[...]
na Perezida HABYARIMAN[...]
Uretse ko banasangiye amaban[...]
yo ku ngoma ya KAYIBANDA, [...]
ranashyingiranye, babyarana [...]
na muri batisimu. Niyo mpamvu [...]
ro njye nabonaga atari byiza ko [...]
zagera igihe bivananamo bakime[...]
ra amabanga. Uburyo bwiza [...]
bwari ugufasha HABYARIMAN[...]
muri M.R.N.D. bitashoboka bab[...]
gumira aho batagize ishyaka baj[...]
mo. Abantu bose rero bavuze ko [...]
ri naragiye muri M.D.R. bapf[...]
kubivuga gusa, ariko nta n'um[...]
waje kumbaza. Ninayo mpam[...]
nongeye kugushimira kuko waje [...]
nyibariza ukaba uzandika ibyo [...]
vanye ku isoko ya nyiri ubwite.
Ku mwanzuro w'iki kibazo rero [...]
gira ngo nkumenyeshe ko nta m[...]
ntu n'umwe natabye mu nama, [...]
ko nta n'umwe wigeze kuza ngo [...]
muzindure aze angezeho icyo gi[...]
kerezo, kandi rero namenye nyu[...]

ko abandi bantu benshi babigejejweho mbere. Icyakora rero BAGARAGAZA, SEBATWARE na Databukwe MWITENDE ni ababyeyi banjye, ndabubaha, ni ababyeyi banjye, nzakomeza kububaha, n'ubwo abacancuro bakomeza kuduteranya. Icyakora nabo bagomba kumenya ko maze kugira imyaka 45, ko rero mfite uburenganzira bwo kugira ibyanjye bitekerezo. Icyakora rero, abashinze M.D.R. hari aho baduhemukiye. Iyo baza kugarura *«MDR PARMEHUTU»* abenshi twajyaga guhita tujyamo tutazuyaje. Kuba rero barashinze M.D.R. ntibongereho PARMEHUTU, byatumye dusanga nta gihango dufitanye na M.D.R., ko ahubwo igihango twakigiranye na *«MDR PARMEHUTU»*.

## Nandikiye ubutegetsi, namagana urugomo rwagiriwe MDR; Leta yanze kunsubiza.

*IJAMBO : Ko wakubitishije abayoboke ba M.D.R. mu Ruhengeri no muri Nyamugali, wabitewe n'iki ?*

RUCAGU : Ibyo bintu abantu babikwije mu Rwanda hose, ngo RUCAGU yateye abarwanashyaka ba M.D.R. amabuye ubwo bakoraga mitingi yabo ku itariki ya 1/9/91 mu Ruhengeri. Bavuze ko nashutse abana babatera amabuye ! Bimaze kuvugwa nta banyamakuru bigeze bajya mu Ruhengeri ngo bakore anketi, barebe koko niba RUCAGU yarashutse abana ! Abategetsi nabo ntibigeze bahagurukira icyo kibazo ngo barebe aho ukuri guherereye. Ni nayo mpamvu nandikiye abakozi ba Leta mbamenyesha ko bibabaje kuba batarahagurukiye icyo kibazo. Maze kwandika inshuro ebyiri, na n'ubu Leta ntacyo irabikoraho.

## Ni jye wahosheje urugomo rwagiriwe MDR.

Kuri ibyo rero byo mu Ruhengeri dore uko byagenze. Uwo munsi nageze mu Ruhengeri nka saa tanu zo mu gitondo. Nkigera mu Ruhengeri, mpagarara ngira ngo abantu twari kumwe babashe kuva mu modoka. Bakivamo, mbona abana b'imicuko badefira mu muhanda bambaye ingofero za M.R.N.D. baririmba umugambi n'umwe. Muri ako kanya mbonamo umusore mukuru ndamuhamagara, ndamutonganya kuko nabonaga abaganisha kuri sitadi kandi M.D.R. irimo ikoresha mitingi. Uwo musore yitwa JOHN; twaratonganye cyane kuko yavugaga ko mbabuza kwamamaza ishyaka ryabo. Njye nabumvishaga ko batagomba gusakuriza M.D.R. kandi ko ari yo yahawe uburenganzira bwo gukora mitingi. Ubwo twatonganaga, umuntu umwe wo muri M.D.R., ampitaho, ntiyahagarara ngo ambaze icyatumye mpagarara. Ubundi iyo umushoferi utwara imodoka abonye mugenzi we ahagaze, nawe arahagarara, akamubaza niba nta «panne» yamubayeho. We rero yarikomereje ageze muri sitadi abwira abari muri mitingi ko ambonye noshya abana ! Abana barimo bantonganya ngo ndababuza kwamamaza ishyaka ryabo, abandi nabo muri sitadi bati ni RUCAGU ubashuka !

– Icyakora rero kubera ko ntamenye ko muri sitadi ari njye babigeretseho, nakomeje gutonganya abo bana, kugeza ubwo banyemereye ko bagiye kuva mu mugi, bakajya gukorera animasiyo ahandi. Bamaze kubinyemerera, mbwira umuvandimwe twari kumwe witwa «NZABAGEZAHE Théodomir» ukora muri «Ponts et Chaussées» i Kigali, ko akomeza kureba ko abo bana bakongera, baramuka bongeye akabimenyesha abashinzwe umutekkano. Impamvu nabimusabaga ni uko yari agiye mu nama ya M.D.R., naho njye nkaba nari ngiye mu nama y'ishuri ryitwa APICUR. Ubwo nagiye mu nama ya APICUR, nyivamo nkererewe, kuko mitingi yari yarangiye. Ubwo ntaha muri Nyamugali, numva mu mutima wanjye nakoze neza kuko natonganije abo bana, nkabaha inama nyazo.

Ku munsi ukurikiyeho, ngeze i Kigali, abantu bambwira ko ari njye wáshutse abana ngo batere amabuye. Byarambabaje cyane kubona abantu bize, bazi ubwenge, bakuze, bapfa guhuragura ibigambo, batabanje gucukumbura. Ikindi kandi rero ubwo nabonaga iyo micuko ishorewe n'uwo JOHN, nta mabuye bari bafite, ahubwo bakoraga animasiyo yo ishyushye bambaye ingofero za M.R.N.D. Icyatumye mbatonganya ni uko nabonaga bagana kuri sitadi, nkabona ko animasiyo yabo iza gusakuriza aba M.D.R. bari kuri sitadi.

## Nababajwe n'uko abategetsi bataje gukora iperereza... Muri MDR harimo inkoramutima zanjye. Gutera MDR amabuye ni ukuyatera Databukwe.

Bigeze ku wa 27/10/91; abarwanashyaka ba M.D.R. banyura muri Komini Nyamugali, kuko ngo bari bafite mitingi muri Komini BUTARO. Bavuye i Kigali bavugira mu byuma bimanitse ku modoka bagenderamo, ko bagiye kubohoza Ruhengeri. Bageze kuri BASE, bavuga ko bagiye kubohoza u Bugeruka, ngo bagatangirira muri komini Nyamugali ngo kuko iri mu maboko y'ikigirwamana RUCAGU. Ubwo bageze kuri centre ya Kigeyo yo muri Komini Nyamugali, bugufi y'aho ntuye, maze barantuka, baransebya mu byuma byabo. Babwira

## RWIRANGIRA ni umuhungu wa GAHAMANYI.

**Mu IJAMBO N°37 twanditse ko Padiri RWIRANGIRA ari umuhungu wa Musenyeri GAHAMANYI. Ubu turimo turategura inyandiko ibisobanura.**

abaturage ko ndi ikigirwamana, ko nakandamije abaturage. Ubwo babwira abaturage ngo nibafate amasuka n'imihoro barimbure urubingo nahingiye amatungo, ngo maze bahingemo ibijumba. Ubwo abaturage basubiza ko uwo mushinga ariwo bakoreramo amafaranga, bigatuma batajya gutembera i Kigali. Kandi ko iyo bakeneye amata y'umurwayi, bayabona batayaguze. Bati rero ntitwumva icyo muhora Depite RUCAGU.

Bati Depite RUCAGU yavukiye ino, arahareresrwa arahakurira, arahatuye. Bati nta muntu aratuka, ntawe asubiza inyuma, ntawe ahutaza. Mwe muramuhora iki ?

Ubwo kubera ko abaturage banze gukora ibyo aba M.D.R. babasabaga, abo ba MDR barakaranije n'abaturage, ku buryo bagiranye amahane, noneho abaporisi ba komini bagomba guhosha ayo mahane. Amahane atarahoshwa, abarwanashyaka ba M.D.R., bari bamaze gukomeretsa umuturage umwe wo muri komini Nyamugali witwa «DUSABIMANA Joseph» ! Nyamara ku ruhande rwabo nta muntu wakubiswe, nta wakomeretse, nta modoka yangiritse.

Nyamara abarwanashyaka ba M.D.R. bageze i Kigali bakwiza hose ko abaturage ba Nyamugali, bateye amabuye kandi ko ari Depite RUCAGU wabateje ayo mabuye ! Ndetse umwe muri bo wagize amahirwe yo gukora kuri radiyo – Rwanda, yazindutse asebya abaturage ba Komini Nyamugali, ngo imodoka ihanyuze yose bayitera amabuye.

Ubwo inkuru yakwiriye hose ko Depite RUCAGU yateje abarwanashyaka ba M.D.R. amabuye. Uwo munsi birirwa batongana n'abo baturage, njye nari niriwe muri mitingi ya M.R.N.D. yari yabereye i GITARAMA. Bamaze kumenya ko uwo munsi ntari muri komini, ko nari i Gitarama, bahise bahindura, baravuga ngo noneho nari nasize mbiteguye ! Umuntu akibaza ukuntu najyaga kubitegura, kandi abo bantu batari bafite mitingi muri Nyamugali. Umuntu na none yakwibaza ukuntu najyaga no gutegarya ko abayoboke ba M.D.R. bazasaba abaturage ba Nyamugali kunsenyera, ko ayo magambo ari yo yatumye barakaranya.

Kuri icyo kibazo na none nababajwe no kubona abategetsi batarakoze anketi, ngo bagaragaze aho ukuri guhereréye. Nababajwe kandi no kubona abanyamakuru bataraje ngo bapereréze, barebe abenderanya abo aribo. Icyaboroheye bose ni ko Depite RUCAGU yateje amabuye ! Anketi irihe ! Igishimisha abantu bamwe ni ugusebya abandi, kuko hari ababibonamo ibyishimo. Niba se koko nariyemeje kurwanya abarwanashyaka ba MDR ubu nabihakanira iki ? Nabihakanira iki kandi aba ariyo gahunda mba nariyemeje ? Ikindi kandi muri MDR harimo inshuti zanjye z'inkoramutima, tudashobora gutandukana ngo ni uko bari muri M.D.R. cyangwa se ngo ni uko ndi muri M.R.N.D. abo bantu barahari kandi bari mu mpande zose z'igihugu. Nk'umugabo BUHIGIRO Vianney ukora muri Komini MUGINA – GITARAMA. Ntashobora kumpora ko nagumye muri MRND nk'uko nanjye ntashobora kumuhora ko ari muri MDR. Ndemeza rwose ko n'uwashaka kunteranya na BUHIGIRO atabyemera, kandi nanjye sinabyemera. Si uwo gusa hari n'abandi benshi, uretse ko ntabarondora bose. Muri M.D.R. harimo Databukwe, harimo bamwe muri baramu banjye. Ubwo se nateza amabuye muri mitingi nkaba nzi ko ayo mabuye amenya kurobanura, ntagere kuri Databukwe na baramu banjye ! Ubundi abahimba ibyo kimwe n'ababikuririza bose ni abasanzwe bari barabuze aho bahera ngo bansebye. Byanyeretse ko n'ubundi twabanaga bandyadya, kuko kutaba mu ishyaka rimwe atari byo byajyaga kudutanya.

## Iyo nkoresheje inama, aba MDR bansaba ijambo.

Aha nababajwe ku buryo bu[...] meye no kubona imizindaro igen[...] insebya, intuka ivugirwa[...] n'umuntu mukuru nubaha, ntasho[...] bora gutinyuka gusebya. Simuvu[...] nawe ariyizi n'abaturage baramu[...] Icyampa Imana ikamuha kureke[...]ho kunsebya no kunkoronga, kuk[...] ntifuza ko nazagera igihe nanjye namwishyura. Ubu numva ntabo[...] intege ariko nkibaza bikomeje uko nazabyifatamo. Ngatinya ko nzagera aho nkarambirwa, ngacikwa. Ibyo ntibikabe.

Ikinshimisha ni uko abaturage bazi ko icyo nzira ari uko ntagiye muri M.D.R. Ndi umwe mu bantu basobanura neza imikorere y'amashyaka, nkayagereranya n'amadini. Iyo nkoresha inama, abarwanashyaka ba M.D.R. bakansaba ijambo, ndaribaha, bakampa ibibazo kandi nkabasubiza ! Ahandi biba ni he ? Ariko abatabizi batanakurikira, bakavuga ko ndwanya abayoboke ba M.D.R.

## Umwanzi ashimishwa no kubona abahutu baryana

*IJAMBO : Ubona imikorere y'amashyaka yari ikwiye kumera ite ?*

RUCAGU : Abamamaza amashyaka bakwiye gufata gahunda yo gusobanura amatwara y'amashyaka bahagarariye, maze bakirinda kurondora amakosa y'abo batumvikana. Inzangano z'abantu ku giti cyabo zikwiye kuvanwa muri gahunda y'amashyaka, kuko zishobora gukurura imvururu.

* Aho bigeze kandi abahutu nibakomeza gusubiranamo, bapfa ubutegetsi, bazasubira ku ngoma ya gihake. Uko gusubiranamo kwabo kuratuma umwanzi arushaho kugira imbaraga. Abaturage birababaza cyane kubona abahutu basubiranamo, aho gushyira hamwe ngo bafatanye kurwanya umwanzi, kandi umwanzi wabo ari umwe. Umwanzi ashimishwa no kubona abahutu baryana. We hagati aho

arakora imibare ye, akomeze abashwanishe, maze igihe baryana, ahite yinjira afate ubutegetsi atavunitse.

Twibuke wa mugani wa wamusaza wahambiriye inkoni 3 akaziha abahungu be ngo bazivune. Bose baragerageje birabananira, maze arababwira ati nimuzimpe nzivune ! Bose baramuseka bati turazinaniwe turi abasore, none wowe w'umusaza utakigira akabaraga ngo urazivuna ! Umusaza ati nimuzimpereze. Arazihambura, maze agenda avuna imwe imwe kugeza ubwo aziranigije. Abahungu be barumirwa, bati ibyo twe ntabwo twabitekereje. Ni uko umusaza ati, nimushyira hamwe ntawe uzabashobora, naho nimwitandukanya bazabamara mwese. Abahutu rero nibakomeza kurwanira ubutegetsi ntibazatinda gufatwa. Bari bakwiye gushyira hamwe, bakabanza kurwanya umwanzi; bakazaba bagabana ubutegetsi nyuma. Umwanzi kandi agomba kuba atemera bamwe mu batutsi basigaye mu gihugu. Niyo mpamvu nabo bakwiye gufatanya n'abahutu, kuko umwanzi wo hanze bose abafata kimwe.

Amashyaka nabane neza *nk'amadini. Umwe ajye muryo ashaka, undi nawe ajye muryo ashaka, ariko bamenye ko umwanzi ari umwe. Buri muntu yubahe mugenzi we, amwubahire mu ishyaka yahisemo.* Nibitaba ibyo tugakomeza gushwana, abaturage bazaduseka kandi umwanzi atugwe gitumo. Umugabo NSEKARIJE yigeze kuvuga ati abanyarwanda bazi ubwenge. Igihe rero kirageze cyo kuvuga ko abaturage bazi ubwenge. Ntabwo tugomba kwibeshya ngo ibyo dupfa ntibabizi. Bazi neza ko dupfa ubutegetsi. Tugomba rero kwirinda kubarangaza, kuko bo bakeneye amahoro kugira ngo babone uko bihingira. Badahinze kandi twese twashira.

## Nkeneye n'amajwi y'abarwanashyaka ba MDR

*IJAMBO : Hari icyo wongera ku magambo yawe ?*

RUCAGU : Icyo nongeraho ni uko nifuza ko abasomyi bamenya ko RUCAGU abeshyerwa rwose. RUCAGU ntashobora kugira umutima wo guteza abantu amabuye ; ni umudepite ukunda kwigengesera kuko aba akeneye kuzongera gutorwa, kandi rero ushaka amajwi ntarobanura. Ijwi ni ijwi aho ryaturuka hose. Niyo mpamvu ndashobora kwendereza abayoboke bo mu yandi mashyaka kuko mu matora nzabakenera. Uretse n'ibyo kandi, n'umutima wanjye ntabwo wabinyemerera. Kuva navuka kugeza ubu urwo rugomo ntabwo rumbonekaho. Abaturage duturanye, bakaba bazi n'amavuko yanjye bambera abagabo.

Ikindi ni uko nongeye kugushima. Abanyamakuru ndetse n'abategetsi bari bakwiye guhindura imikorere yabo mu biro, bakajya bajya gukora iperereza aho ibintu byabereye, bakabaza abaturage rugikubita, kandi abaturage bakajya bamenyeshwa icyo iperereza ryagezeho. Ibi wakoze rero bikwiye kubera abandi urugero. Icya nyuma rero ni uko amashyaka akwiye kwiyumvisha ko agomba kubana neza, n k'uko amadini abana. Umuntu ntazire ishyaka yahisemo. *Amashyaka akirinda no gukoresha iterabwoba, ngo nidutsinda muzajya he, nkaho abazatsinda bazabona* uburenganzira bwo kwica cyangwa kwimura abatsinzwe. Abaturage bagomba kumenyeshwa ko n'abazatsindwa, amategeko abarengera rwose, ko ntacyo bazaba, ko nabo bazagumana uburenganzira bwabo bwo gukomeza gutura mu gihugu cyabo, kandi bakakibamo mu mahoro. Amashyaka kandi agomba kumenya ko ikintu kihutirwa ari uguhagarikisha iyi ntambara. Bitabaye ibyo ntacyo yaba amariye abanyarwanda.

## UMWANZURO

**RUCAGU ni umugabo twemera n'ubwo yagiye muri MRND Kuri we igikenewe si uko MRND cyangwa MDR bishyamirana, ahubwo yumva icyo abanyarwanda bakwiye kuzirikana ari ibibazo by'umuturage. Kuba RUCAGU yagiranye ibibazo n'abategetsi ba Repubulika ya II byaba ari byo byatumye HABYARIMANA amutanguranwa ngo atazabura amajwi iyo mu Ruhengeri. RUCAGU ni uwacu, aho ari hose : si nka za nkoramaraso.**

**Ikindi kandi RUCAGU avuga cyumvikana : ntiwamara imyaka 18 ubeshya ngo wongere uhindukire ubwire abaturage ko wababeshyaga. Ntacyatuma bizera ko utazongera kubabeshya. Ko MRND yategekesheje igitugu n'ikinyoma, ni nde muminisitiri cyangwa umudepite wemeye kutavuga rumwe nayo, uretse GATABAZI na RUHAMANYA ?**

***RUCAGU ashyigikiye ko twagabana ubutegetsi tumaze gutsinda ino ntambara. Twe ahubwo tubona ko kugira ngo ino ntambara irangire ari uko twabanza tugahirika ubutegetsi bwa HABYARIMANA.***

*HANGIMANA Fr. Xavier.*

## Abihaye Imana nibo bateje imvururu mu 1959

Nigeze kubabwira ko abihayimana aribo ntandaro y'imvururu zatwikiye abatutsi mu 1973. None umuntu yaranyunganiye anyereka ko umututsi n'umupadiri NGOMIRARONKA ariwe watumye abatutsi bicwa, bagatwikirwa, bagahunga, ku buryo n'ingaruka z'ibyo arizo tukibona (igitero cy'inkotanyi, gutoteza abatutsi bikozwe na MRND yihimura kuri icyo gitero). Nta kundi uwo mupadiri yashoje intambara, atari ukurundanya insoresore zigakubita MBONYUMUTWA igihe yacaga mu Byimana ari nabyo byakongeje igihugu kuva muri 59 kugeza n'ubu. Abihayimana si abantu.

# Repubulika ya II n'Abarundi

Mu 1972 niho impunzi z'abarundi zageze mu Rwanda ari nyinshi. Zahungaga amasasu y'ingabo z'u Burundi zashakaga gutsemba mwene gahutu. Abakuru turibuka ukuntu umubyeyi KAYIBANDA wayoboraga u Rwanda muri icyo gihe yitaye ku mpunzi z'abahutu zari zivuye mu Burundi. Ako kanya yanditse ibaruwa isaba abanyarwanda kwakirana urugwiro bene wacu b'abarundi bari bamaze gucika ku icumu.

Mu by'ukuri impunzi zo mu 1972 zakiriwe neza. Abari barize bahawe akazi bafatanya n'abanyarwanda guteza imbere u Rwanda. Abari bakuwe mu mashuri i Burundi, bashakiwe imyanya mu Rwanda bakomeza kwiga. Icyo gihe ndetse hubatswe ishuri ry'i RIRIMA rigenewe abarundi b'impunzi ahanini. Rwose impunzi z'abarundi ntizizibagirwa ukuntu Perezida KAYIBANDA yazitangiye.

Mu 1973 ubwo hakorwaga «Coup d'Etat» imibereho n'amizero by'impunzi z'abarundi byasubiye i rudubi. Itegeko ryahise risohoka rivuga ko impunzi y'umurundi izagaragarwaho n'ibitekerezo bibangamiye ingoma ntutsi y'i Burundi izahita yirukanwa. Sibwo se uwitwa GAHUTU aciriwe muri TANZANIYA !

## Abarundi babuze ubashyigikira.

Uko tubizi impunzi z'abatutsi ziri i Burundi zinjijwe mu ngabo z'icyo gihugu. Abenshi ni abasirikari bo mu rwego rwa ba «OFISIYE». Izo mpunzi z'abatutsi ndetse nizo zarimbuye abahutu b'abarundi mu 1972. Abahutu bazaca akenge ryari ?

Ababikurikiraniye hafi kandi, bazi ko abarundi b'impunzi basabye Repuburika ya kabiri muri bo bahise birukanwa. Icyarushijeho kubabaza abanyarwanda ni uko umurundi w'impunzi yaje kubwira NDUWAYEZU ko impunzi z'abanyarwanda zirimo kwitoza ahitwa i KIBILIRA hafi y'umupaka w'u Rwanda n'u Burundi, aho kugirango abikurikirane agahitamo gufunga uwabimubwiye.

NDUWAYEZU wayoboye igihe kirekire ibiro bikuru by'igihugu bishinzwe iperereza yari afite izindi nyungu akurikiranye. Abatutsi bayaguyemo bari baramuhumye amaso, kugeza igihe Inyenzi — Inkotanyi zitereye u Rwanda rusa n'aho rutagira abayobozi. Nta munyarwanda ukunda u Rwanda uzabyibagirwa.

Ikindi cyadindije impunzi z'abarundi ni politiki ya Repuburika ya kabiri yo guhakwa ku bihugu duhana imbibi. Rwese turibuka ukuntu BAGAZA yasuzuguraga u RWANDA ku mugaragaro. Ni mu gihe. Yari azi neza ko impunzi z'abanyarwanda ziri mu Burundi, no mu Buganda zahawe imyitozo ya gisirikari ihagije. BAGAZA ntiyari ayobewe kandi ko impunzi z'abarundi zabujijwe epho na ruguru. Nicyo cyatumaga ashaka gutwara ubutaka bw'u Rwanda uko yishakiye.

Ikindi gikomeje gutsikamira impunzi z'abarundi ni uko Leta ya Repubulika ya kabiri ikomeje kubima uburenganzira bwo gushinga amashuri yabo. Nyamara abategetsi bacu biyibagiza ko impunzi z'abanyarwanda ziba mu Burundi zifite amashuri yazo yisumbuye. Leta y'u Burundi yemeza impamyabushobozi zitangwa n'ayo mashuri. Ngaho rero namwe nimumbwire. Bishoboka bite ko impunzi y'umurundi yakwibohoza niba idahawe uburenganzira bwo kwiga ndetse byaba ngombwa igahabwa n'uruhushya rwo guhabwa imyitozo ya gisirikari.

Abaratini babivuze ukuri bati "ushaka amahoro ategura intambara". **"Si vis pacem pura bellum"**. Ntibyumvikana ukuntu twakomeza kwibwira ko amagambo meza ariyo azatuma tubana neza n'ibihugu duhana imbibi. Ninde ugishidikanya ko abatutsi bazuye ubugome burenze urugero ?

## Impunzi z'abarundi ntizihabwa akazi

Birababaje kubona iyo umurundi arangije amashuri akajya gusaba akazi muri Minisiteri y'abakozi ba Leta atagahabwa ngo ni uko ari umurundi. Ayo mabwiriza yashyizweho na Minisitiri HABIYAKARE umututsi wahinduje akaba yarayoboye Minisiteri y'abakozi ba Leta imyaka irenga icumi. None se byaba bimaze iki gutuma impunziziga muri Kaminuza zacu niba tutaretse ubwenge zahashye bugirire abanyarwanda akamaro ?

Abatutsi bakoraga muri Minisiteri y'abakozi ba Leta, babonye mwene wabo HABIYAKARE avuyeho bahita bajya gukora mu miryango itagengwa na Leta (Organismes Internationaux). Ariko hagati aho, bari barakoze uko bashoboye. Nta muhutu w'umunyarwanda cyangwa se w'umurundi washoboraga gusanga mu miryango mpuzamahanga nka PNUD (Programme des Nations Unis pour le Développement), UNICSF, FAO n'indi. Abahutu bataye umutwe kubera gukunda indaya z'abatutsikazi n'amafaranga, bityo bibagirwa ko impunzi z'abarundi ari abavandimwe babo.

# Igihembo gishimishije

**Mwe muguze IJAMBO guhera kuri n° 40 kugeza kuri n° 50 murasakiwe. Ubutaha muri n° 41 tuzavuga nimero twageneye ibihembo. Mwitonde, buri kinyamakuru gifite nimero itandukanye n'iy'ikindi. Guhera kuri n° 40 kugeza kuri n° 50 tuzatanga ibihembo bingana n'umushahara, ariko bitarenze 100.000 Frw. Naho kuri buri nimero tuzajya dutanga 1.000 FRW. Rero niba uguze IJAMBO ushaka igihembo, aho uriguriye hake facture, bayishyireho izina ryawe na nimero. Ahari factures ni i Kigali (Tél.: 7 2695) i Butare, ku Giko-ngoro, i Cyangugu, ku Gisenyi (INTER), mu Ruhengeri, i Byumba, i Kibungo, n'i Gitarama n'i Nyanza.**

RUMAZE kwumva Gakwaya ...njwa ahakana icyaha aregwa, ...vuga ko abona ali manquant de ...e yatewe n'imikorere mibi yari- ...kyo gihe, akaba abona byakwi- ...abus de confiance, avuga ko yari ...ffier mu Rukiko Rusesa Imanza ...umukoresha we atari amwishi- ...e, ko yahageze muri 1980 akaba ...i umucungamari, nyuma akaba ...ffier-audiencier anacunga ima-

RUMAZE kumva abazwa i- ...mvu mbere yemeye ko ayo ma- ...nga yamuburiyeho ndetse aka- ...era ko azayishyura none akaba ...kana icyaha asubiza ko ayo ma- ...nga yamuburiyeho koko ngo ...era imikorere mibi y'icyo gihe;

RUMAZE kwumva abazwa gusobanura niba mu mafaranga a- shinjwa hari atamuburiyeho, kandi akerekana undi yaburiyeho, asubi- za ko ataramumenya ko kandi ba- muhaye imirimo inyuranye atari gushobora;

RUMAZE kwumva abazwa ayo amaze kuriha, asubiza ko nta i- ndentité de caisse yabonye ko rero ngo yari kuriha ariyo ahereyeho ku- ko yandikiye «Minifineco» ayime- nyesha ko bamurimo 36.000 Frw ya indemnités de caisse asaba Urukiko ko ariyo rwaheraho, hiyongereyeho 24.750 F amaze kuriha yose hamwe akaba 80.750 F yakurwa kuyo are- gwa;

RUMAZE kwumva uhagara- riye ubushinja-cyaha OMP Nya- ndwi Viateur asobanura mu ma- gambo ahinnye imikorere y'icyaha, agaragaza n'ibimenyetso ubushi- nja-cyaha bushingiraho buhamya Gakwaya Théobald ibyo aregwa, asaba ko yahanishwa imyaka itanu y'igifungo, agatanga amagarama y'urubanza, Leta ikaba iregeye gu- subizwa amafaranga 396.660 Fr ya- nyerejwe kwongeraho 4% y'umuso- gongero wayo ;

RUMAZE kwumva Gakwaya yo ngeraho ko nkuko ngo contrôle yakozwe ibyemeza ko Leta ikwiye koko gusubizwa ayo mafaranga, asaba Urukiko ko rwaca inkoni izamba kuko ngo byatewe n'abantu

*Komeza urup. 13*

# Risiti y'abacuruzi b'i Kigali bemeye kuniga demokarasi batanga amafaranga muri M.R.N.D. yo gushyigikira inkoramaraso ziyise INTERAHAMWE za Muvoma.

*Gereranya iyi lisiti n'iy'ubushize. Abatagarutsemo bibohoje cyera. Turabashimira kuba barabitumenyesheje.*

No Amazina

1. KABUGA Félicien ; Perezida
2. MUNYANSHONGORE Charles ; Visi Perezida
3. RUBANGURA Védaste
4. NTAMUSHOBORA Fidèle
5. MUNYEMANA Emile
6. RUZINDANA Céléstin
7. MUTAGANDA Fidèle
8. MIRONKO François Xavier
9. LUDOVI Augustin
10. B.C.R.
11. BACAR
12. B.K.
13. Union des Banque Populaires
14. BIREKERAHO Gérvais
15. BIZUMUREMYI Pascal
16. MUKEKA Edouard
17. KAPITENI Joseph
18. SEBURIKOKO Fidèle
19. RUTERANA Ananie
20. MUKANIWA Déo
21. LIBANJE Alphonse
22. RUTAGARAMA Boniface
23. GASANA Eugène
24. Mme NYIRAKABOGA
25. MUNYAMPETA Gaspard
26. MANIRAGUHA Jacques
27.
28.
29. KAYOMBYA Robert
30. MUGWANEZA Jean Huss
31. RUBANGURA Uzzier
32. RUZINDANA Jérémie
33. RUZINDANA Obed
34. RUBASHA Hérmogène
35. NGIRABATWARE François
36. NKUNDABATWARE Venant
37. KAGABO François
38. MYASIRO Mathias
39. KAYIJUKA Thassien
40. RWABUKUMBA Séraphin
41. MUTABARUKA Pascal
42. NSANZUMUHIRE Alexis
43. UKWIZAGIRA Gaspard
44. GASHABIZI Gérard
45. GASASIRA Seleman
46. GAKARAMA Juvénal
47. RUBADUKA Théllésphore
48. KALIMUNDA Gérard
49. DUKUZUMUREMYI Pasteur
50. MBYARIYEHE Gabriel
51. MUJYARUGAMBA Athanase
52. RUTAGANDA Géorges
53. NDAMIYE Claude
54. NKUNDIYEZE Aloys
55.
56. RUCOGOZA Alphonse
57. NZABARINDA François Xavier
58. RUTIKANGA Claver
59. MAKUZA (RWANDA FOAM)
60. MURENZI Jean
61
62. KAMANA Claver
63. RUSIRARE Jacques

N.B. : — Inama yo gushinga iryo shyirahamwe yateranye le 31/01/92 kuwa gatanu
— Imigambi yayo tuzajya tuyibagezaho.

Umusomyi w'IJAMBO.
KIGALI.


## Tarif de publicité par numéro

| | 1 page | 1/2 page | 1/4 page | 1/8 page |
|---|---|---|---|---|
| 13 -24 numéros | 10.000 FRW | 5.000 FRW | 2.500 FRW | 2.000 FRW |
| 4-12 numéros | 15.000 FRW | 10.000 FRW | 7.500 FRW | 7.000 FRW |
| 2 3 numéros | 20.000 FRW | 15.000 FRW | 12.500 FRW | 12.000 FRW |
| 1 numéro | 30.000 FRW | 20.000 FRW | 17.500 FRW | 17.000 FRS |

5.000 FRW pour une couleur autre que la noire ou pour papier couché ou pour couverture externe (dernière page) ou pour première page.

# ...ko mwitwaza Abahutu ni ko mubasebya

## ...Umugambi wo kumena amaraso uwo ari wo wose ni mubisha. Mu...ke dusobanukirwe imvano y'umukiro w'abatutsi aho kubatema.

...Iyi nyandiko nayitekereje ...reye ku nyandiko zari zimaze ...si zisohoka mu kinyamakuru ...MBO. Ubwo hari mbere y'uko ...girwabanyamakuru zo kuri Ra... Rwanda zisebya umwuga wazo ...ngaza inyandiko y'intakaraga... ...ibwira abahutu ko abatutsi ba...ka kubarimbura. Ubwo na none ...mbere y'uko bwana NAHIMA... na bagenzi be biha umwanya ...i Radiyo Rwanda barikoroza na...batera mu rya kiriya gitakaraga... Ubwo yenda kwari ugutegura wa ...gambi wo gutwika, gusahura ...shimuta no kwica watangiriye ...Bugesera.

Uko iyi nyandiko nayitekere...ga, nashakaga kwerekana ko aba...tsi bashobora kuba benshi mu ...rego uru n'uru bidaturutse ku ...pamvu z'amayeri n'ibindi, ko ...hubwo ari ibintu bishobora guso...anurwa mbere yo gusamara no ...shya abantu gusubiranamo. U...wo nari ntaramenya ko yenda bi...we mu byandikwaga, byari biga...nije uwo mugambi mubisha wo ku...ira nabi, ari amahenga yo kwibaza ...bibazo by'ingutu bamwe batangiye ...umva bazabazwa.

Nta gushidikanya na gato, ...mugambi uwo ari wo wose umena ...amaraso uba ari umubisha. Nyama...ra kubera gusamara, hari abahutu ...bajya bahubukira imigambi ...nk'iriya tubona mu Bugesera. Icya ...mbere cyo imigambi nk'iriya, itesha ...agaciro abahutu kuko isa n'aho ye...rekana ko nta kundi bashobora gu...shyikira abatutsi badakoresheje "agapanga" ibyo bigatuma bahora ...bibwira ko ari ibiremwa by'amanu...su. Ni nacyo abatinda ku mayeri y'abatutsi baba bashaka kubumvi...sha mu cyayenge, kuko baba babifi...temo inyungu rimwe na rimwe zida...hita zibonwa na buri wese.

Koko rero ziriya nyandiko zi...shoreza abaturage gusubiranamo, biriya bitakaragasi NAHIMANA aha umwanya udasanzwe kuri Radiyo Rwanda, ariya mashyaka n'indi mitwe biriho bishyirirwaho ngo kurengera abahutu na repuburika ni imitwe yo mu rwego rwo hejuru yo "gukwepa" ibibazo abaturage batangiye kubaza bajya mu mashyaka atari mu kwaha kw'abari ku butegetsi. Koko rero dufashe nk'abahutu, mu kuva muri MRND, abenshi basaga naho babaza abategetsi ibibazo bikurikira: "Mbese ko mwakuyeho abarwanashyaka b'ikubitiro b'abahutu muvuga ko bari bagiye kuroha u Rwanda mu rwobo kandi bagatatira Revorisiyo yo muri 59, mwatumariye iki ko tubona abatutsi bashobora kuba none bikubiye byinshi? Mbese mwatumariye iki ko abenshi inzara inogonora ari twe abahutu, ndetse n'abana bacu bakaba batagishobora no gutangira amashuri abanza?"

Abahungu bamenyereye umutwe rero babonye ibintu bimaze kuba insobe, bati : "ni ugukina umutwe" nibyo bishobora kusobanura ko gusubiranishamo amoko ari umutwe wo kugira ngo rubanda nyamwinshi rureke kubaza no kwibaza biriya bibazo, maze abahutu bibagirwe amakosa bakorewe n'ubutegetsi bukwiye ibihano ntangarugero, maze umurizo wa mujinya w'imbwa ushiriramo ube umututsi, maze ba "Rusaruriramunduru" basugire basagambe. Ubwo na none na nyuma ntacyakorwa, ahubwo imyaka yakongera ikaba icumi cyangwa makumyabiri, maze na none amoko agasubiranishwamo, uko ibihe bihora bisimburana iteka.

Niyo mpamvu abahutu bagomba gushyira mu gaciro, bakirinda kuba no guhora ari ibikoresho by'abashaka kubitwaza kugira ngo baramuke. Niyo ibibazo by'ubusumbane bw'amoko byaba biriho mu rwego uru n'uru, gutemana sibyo bibikemura, ahubwo kubyiga nta guhishahisha nibyo byatuma yenda hafatwa imigambi ihamye. Ni nacyo nshaka ko twakomeza kunguranaho ibitekerezo.

Koko rero niba abatutsi biganje mu rwero uru n'uru kurusha urugero ubwinshi bwabo bwabageraho nk'uko bivugwa mu banyeshuri, mu barimu, mu bihaye Imana, mu bucuruzi, ni ukuvuga ko mu Rwanda hari ibintu bitagenda neza. Ariko nkuko umuganga uvura neza atari usaragurika, ngo ni uko umurwayi agomba kuvura arembye, naho hagomba ubushishozi, ibintu bigasesengurwa neza, kuko yenda byatuma tumenya n'akari imurori. Muri iyi nyandiko nta gisubizo nagennye gutanga, ahubwo ni ibitekerezo ababishoboye baheraho bakora ubushakashatsi (niba butarakozwe) kugira ngo amazimwe ashire. Reka duhere ku mashuri.

Bikunze kuvugwa ko abatutsi barengeje urugero rwabo mu mashuri, cyane ayisumbuye n'amakuru. Ubwo abihuta bahitababona impamvu mu mayeri y'abatutsi, mu "busambanyi" bw'abatutsikazi, mu bucucu bw'abahutu n'andi matakaragasi. Nyamara, hatabayeho guhubuka, maze ikibazo kikigwa neza, hari igihe impamvu zayo zaboneka, bityo yenda n'abahutu bagaheraho bafata imigambi yatuma badasigara inyuma niba ari uko bimeze.

Ubundi, gukunda kwiga muri ubu buryo twazaniwe n'abazungu, si kamere, ni ukubitozwa. Niba mu gihe twabonaga ubwigenge, abatutsi bari barengeje urugero rwabo mu bantu bari barize, ntabwo byaba igitangaza iyo ntera iramutse itarasubiye inyuma, kuko iyo umuntu yize, aba urugero muri bene wabo, kandi nawe agakora ku buryo bamukurikiza.

Indi mpamvu ishobora kusobanura icyatuma abatutsi barenga urugero rwabo mu mashuri ni iyere...

keranye n'imiturire yabo. Ubundi ntabwo byaba ari igitangaza abatutsi benshi baramutse batuye mu migi no mu nkengero zayo ku rugero ruruta uko bangana mu gihugu. Ibyo n'ahandi byagaragaye ko amoko afite abantu bacye kandi ataradindiye akunda gutura mu mugi. Ibyo rero biramutse ariko biteye mu Rwanda, nta kabuza abatutsi bakwiga kurusha urugero rwagombaga, kuko abana bo mu mugi biga kurusha abo mu cyaro. Ahubwo bizarushaho gukomera ubwo abana bo mu mugi biga kurusha abo mu cyaro. Ahubwo bizarushaho gukomera ubwo abana benshi bagiye kujya biga bataha. Ubwo birumvikana ko uwiga ataha aziga neza kurusha uraraguza aturutse mu cyaro nta n'amikoro afite. Izi mpamvu rero uko ari ebyiri uwazikurikirana ashobora kuzisangamo ireme ry'impamvu abatutsi bashobora kuba ari benshi kurusha urugero rwabo mu rwego rw'amashuri. Bite mu bihaye Imana no mu barezi?

### Mu rwego rw'abihayimana.

Mu rwego rw'abihaye Imana, niba koko abatutsi ari benshi, imwe mu mpamvu ishobora kuba koko ingeso mbi yo gutoteza abo mudahuje ubwoko, kimwe n'uko hari abashobora gutinya kujya mu miryango badasangamo abo bahuje ubwoko. Nyamara, hashobora kuba hariho indi mpamvu y'igikatu n'ikinyamakuru DIALOGUE kigeze gukomozaho.

Nyuma y'aho repubulika ivukiye, abahutu bahagurukiye kujya mu myanya y'ubutegetsi, urangije amashuri wese akaba aribyo ashidukira. Nta kabuza ibyo bishobora kuba ari byo byatumye batitabira izindi nzego rizimo kwiha Imana, gucuruza, kwigisha,...

Abatutsi nabo kubera ko batisanzuraga mu rwego rw'ubutegetsi, birumvikana ko nabo bashakiye ahandi. Nta kundi byari kugenda, kamere muntu ni uko iteye, kandi ibyo bigomba kutubera isomo rikomeye. Koko rero imbaraga z'umuntu, yabishaka, atabishaka, zigomba kugira icyo zikora. Uzipfundikirira aha n'aha zigapfupfunukira ahandi. Aha mbere habaye mu kwiha Imana, cyane cyane ko babonaga bibaha umwanya wo gutegeka, n'ubwo abahutu bibwiraga ko aribo bategeka, kubera kwicara ku ntebe y'ubutware. Bapfupfuniye na none mu bucuruzi bw'ingeri zose: ngirango MAJYAMBERE na KAJEGUHAKWA ni ingero zigaragara. Ibyo kandi babifashijwemo no gutura mu mugi. Naho mu barezi, iyo umuntu ashishoje neza asanga abahutu aribo babashyizemo, kubera kunenga uwo murimo, ari nayo mpamvu isobanura igituma twirirwa twiruka inyuma y'abazayirwa kandi tutabuze urubyiruko.

N'ubwo ibyo tumaze kuvuga bigomba ubushakashatsi, biramutse ari byo byakwerekana ko abahutu bibeshye ngo barumvisha abatutsi birengagije kamere muntu bigatuma biharira inzego bari basuzuguye. Biramutse aribyo rero, bwaba ari ububwa bukabije: abahutu, nako abitwaga ko bari ku isonga banoniwe kwemera amakosa bakoze, ahubwo bakihutira gusubiranishamo amoko.

Abahanga bacu rero turabategereje. Nibakore ubushakashatsi, barebe impamvu n'imvano z'umuntu ibintu biteye mu gihugu. Ibyo nabyo biratuma za mburuburu zitabona umwanya wo guhunga amakosa yazo zisubiranishamo amoko, kandi ni nabwo buryo bwiza bwo gutegura ya nama RUKOKOMA itagomba kuzaba umwanya wo guhuragura ibigambo bidafite ishingiro.

Mureke rero twungurane ibitekerezo, aho kwirukira mu mipanga nk'abatagira ubwenge.

*NZABAMBIRORA Thomas*

# NTARE aracyari wa wundi

## Amashyaka siyo azabona abonye imyanya muri guverinoma.

Kuya 13.03.92 niho harangijwe imishyikirano yo gushyiraho "ubutware" buhuriweho n'amashyaka menshi. Muribuka ko ku ya 11.02.92 TWAGIRAMUNGU Faustin wa MDR yari yasabye ko itamara igihe kirenze iminsi cumi n'itanu. Kirenze ntakiragerwaho kuko n'imyanzuro amashyaka yemeye igomba kwemerwa na NTARE.

(Nakoresheje izina NTARE, kuko iryo zina ari iry'ubwami, nako ubuperezida. Ariko cyane cyane ko HABYARIMANA agitsimbaraye kuri ya mvugo **"Quia nominor leo"**, igihe atava ku izima, ahubwo agashaka kugumana imyanya 9 muri guverinoma, kandi twe tubona akwiye kwegura abe bose, ntagiremo umwanya n'umwe kuko yerekanye ubuswa bukabije kuva mu 1973, kugeza n'ubu. Ubu abanyabyumva, abanyaruhengeri bapfa kubera ibitero niwe bazira kuko yanze kwegura ngo intambara ibone uko ihagarara).

Abumvise Radio V.O.A. (y'abanyamerika) ku ya 14.03.92 saa kumi n'ebyiri mwumvise urubanza bacira ingoma ye y'ubwicanyi ihitanye abagogwe, abanyamurambi (kwa GATETE), abanyabugesera, ifunze abanyamakuru (MUGABE), n'abandi barashakishwa uruhindu. Ibyo ni ibyatangazwaga na Nicolas intumwa ya Africa Watch.

None nguwo umuntu ushaka kwikubira imyanya muri guverinoma aho yakumvise ko atagishoboye. Akomeje kwicisha amayeri amashyaka, ngo azakemura impaka. MDR irashaka Minisiteri y'intebe, PSD ya GATABAZI na NGANGO barashaka imari, (aho niho kuko umuhanga yarindisha Imari bariya bagabo).

*Komeza rup. 5*

wo ifite kuko itegekoteka ryo 74 riha Leta monopole rya-o. Ikosa abateguye umushi-akoze ni uko bashingiye kuri egekoteka rinyuranije n'itege-inga ririho mu ngingo yaryo

**a ku munsi hazate-a ko iri tegekonshin-itangira gukurikizwa, tegeko azaba ariho kandi atanyuranije na ryo azakomeza gukurikizwa igihe cyose azaba atari yahindurwa, yakurwaho cyangwa yasimburwa n'amategeko cyangwa amabwiriza mashya".**

Rero ririya tegekoteka ryo mu 1974 ntirishobora gukurikizwa kuko ryahaga Leta ubwikanyize mu gucunga ibyo gutumanaho busesuye (butagira iherezo), kandi itegekonshinga ririho ubu rikaba ritemera ubwo bwikanyize, cyeretse iyo bumara igihe. Rero abakoze uriya mushinga w'itegekonshinga bashingiye ku itegeko ridashobora gukurikizwa.

*Mbere yo gusoma umwanzuro w'IJAMBO mubanze musome icyemezo cy'Urukiko rurinda iremezo ry'Itegekonshinga: kiri mu gifaransa.*

## La cour constitutionnelle, séant à Kigali, a rendu l'arrêt suivant ès l'examen de la loi portant réforme institutionnelle des télécom-nications.

UI le Conseiller-Rapporteur rapport;

U la lettre n°106/01.05 du 13 r 1992 du Président du Con-ational de développement, re-greffe de la Cour le 14 Février par laquelle elle est saisie, con-ment aux dispositions de l'ar-5 de la Constitution, pour se cer sur la Constitutionnalité loi portant réforme Institu-lle des Télécommunications;

TENDU qu'aux termes de e 2 du Décret-loi de Juin 1974 sur les Télécommunications, le monopole de celles-ci n'appartient qu'à l'Etat;

VU l'ordonnance n°01/92 du 19 Février 1992 du Président de la Cour Constitutionnelle fixant au vendredi 21 Février 1992 à 10 heures du matin l'examen de ladite loi;

VU la remise de cette audience au mercredi 26 Février 1992 due au décès d'un des membres de la Cour survenue en date du 21 Février 1992;

ATTENDU que la loi sous examen portant réforme institutionnelle des Télécommunication en son article 1er organise la concession de celles-ci;

ATTENDU que depuis le 10 Juin 1991, date d'entrée en vigueur de la nouvelle Constitution, le monopole, pour être conforme à cette même Constitution, doit avoir une durée déterminée;

ATTENDU cependant que l'article 98 de ladite Constitution confirme la validité de la législation antérieure dans la mesure où elle n'est pas modifiée, abrogée ou remplacée par les lois ou règlements nouveaux;

ET que partant, le Décret-loi de Juin 1974, sur les Télécommunications qui, en son article 2, reconnaît à l'Etat le monopole, n'est plus applicable en cette matière parce qu'elle ne détermine pas la duré dudit monopole comme le prescrit l'article 78 de la Constitution;

ATTENDU qu'en vertu de l'article 1er de la loi sous examen, le monopole est concédé à une personne morale de droit privé; que cette concession pour être conforme à la Constitution, doit répondre aux exigences de l'article 78 de la Constitution, lequel article prescrit la dureé du monopole;

ATTENDU dès lors que la présente loi, autorisant la concession d'un monopole non conforme à la Constitution, est elle-même contraire à la Constitution.

## claration sur les massacres cours de la Population la région du Bugesera

*puis la nuit du 4 au 5 mars a population principalement I de la région du BUGESE-l'objet de massacres systéma-la part de quelques éléments de cette même région et autres non identifiés. Ces massacres pulations civiles innocentes réplique logique et consécutive érieux communiqué radiodif-plus de 5 reprises notamment des bulletins d'informations s de grande écoute- et à grands publicité à partir du 3 mars*

*ce jour, le bilan de ces tueries s'élève à plus de 300 person-s, tandis que d'autres victimes demeurent inconnues, ayant été jetées dans des rivières ou yant péri dans des maisons incendiées. Sans compter ceux qui auraient péri dans les secteurs MWENDO et NKANGA en Commune GASHORA qui, jusqu'au 9 mars, n'ont pas été visitées par aucune autorité; les victimes n'ont pas pu s'enfuir de ces deux secteurs parce que les agresseurs ont barricadé toutes les issues vers le salut. Nous craignons que la population principalement visée dans ces troubles n'ait été décimée. Les chiffres risquent malheureusement de gonfler puisque la violence s'étend de la Commune, d'abord touchée, de KANZENZE à celles de GASHORA, NGENDA, TARE,*

Suite à la page 18

PAR CES MOTIFS:

Vu la Constitution de la République Rwandaise en ses articles 75, 78, 90 et 98;

Vu les articles 44, 45 et 62, alinéa 1er de la loi du 23 Février 1963 portant Organisation de la Cour Suprême, telle que modifiée à ce jour;

Vu en ses articles 1er et 2, le Décret-loi n°41/78 du 29 décembre 1979 portant dispositions transitoires en matière d'organisation et de compétence judiciaires, confirmé par la loi n°01/82 du 26 Janvier 1982 portant confirmation de décrets-lois;

ARRETE:

La loi portant Réforme Institutionnelle des Télécommunications est contraire à la Constitution.

ORDONNE que le présent arrêt soit transmis au Président du Conseil National de Développement.

AINSI ARRETE ET PRONONCE PAR LA COUR CONSTITUTIONNELLE, EN SA SEANCE PUBLIQUE DU 26 FEVRIER 1992, OU SIEGEAIT MESSIEURS: Joseph KAVARUGANDA PRESIDENT; Alphonse KAMANZI, Jean RUBADUKA, Ephrem KAMALI, Xavier NDEZE et Cléophas NIYONZIMA: CONSEILLERS et Emile NIYOYITA: GREFFIER.

Urukiko rwavuze ko itegekoteka ryo mu 1974 ridashobora gukurikizwa; rwashoboraga kuvuga ko n'iryo tegeko ritariho; rwari kubibonera ibimenyetso.

Nubwo mu 1974 itegekonshinga rya KAYIBANDA (Amendement Constitutionnel du 18 mai 1973) ritakurikizwaga, ntitwabura gusoma mu ngingo yaryo ya 73 ibi:

***"Lorsque l'Assemblée se trouve dans l'impossibilité de siéger, le Pouvoir législatif est momentanément délégué au Président de la République qui l'exerce, en Conseil des Ministres et Secrétaires d'Etat, par voie de décret-loi".***

***"En cas d'urgence, le Président de la République est délégué pour exercer le pouvoir législatif par voie d'ordonnance-loi valable pour 6 mois, sauf confirmation par l'Assemblée Nationale. En tout état de cause il est tenu d'en référer à l'Assemblée Nationale dans les deux mois".***

Birumvikana ko mu mutwe wa KAYIBANDA itegeko ry'umuntu umwe ritashoboraga kugira agaciro karenze amezi atandatu. Kandi ushyizeho itegeko ntiyashoboraga kurenza amezi abiri atabibwiye abadepite, mu mezi abiri uhereye igihe itegeko rifatiwe.

HABYARIMANA yari yarazanye ingoma y'igitugu ivanaho Inteko Ishinga Amategeko, n'Ubucamanza abuvanaho hasigara we musa. Na ririya tegeko-nshinga rya KAYIBANDA kuri HABYARIMANA ntacyo ryari rivuze: ubonye iyo asesa abadepite agatoresha abandi. Kuva muri 73 amaso igihugu yarebeshaga, HABYARIMANA yari yarayatoboye, turebera mu ye gusa. Muri 78 agize ngo ashyizeho ijisho riba rimwe; ejobundi muri 91 ku ya 10 Kamena agize ngo ashyizeho amaso yombi, arayatokoza. Turebe noneho icyo ijisho ryo muri 78 n'ayo muri 1991 avuga.

Ingingo ya 64 (1978) n'ingingo ya 70 (1991) zihuriza kuri ibi:

***Mu gihe byihutirwa cyangwa Inama y'Igihugu Iharanira Amajyambere (Inteko Ishinga Amategeko) idashobora guterana, Perezida wa Repubulika ashyiraho amategeko by'agateganyo akoresheje amategekoteka n'Inama ya Leta (Guverinoma)."***

***"Amategekoteka igihe atemejwe n'Inama y'Igihugu Iharanira Amajyambere (Inteko Ishinga Amategeko) mu gihembwe cyayo kegereye, ata agaciro".***

Nguko uko ririya tegekoteka rya Perezida HABYARIMANA ryataye agaciro: Inama y'Igihugu Iharanira Amajyambere yemeje amategekoteka yo guhera mu 1978; andi ntiyayemeje. Ntabwo rero ririya tegekoteka rya HABYARIMANA ryo muri Kamena 1974 rifite agaciro, nta mushinga w'itegeko ushobora kurishingiraho keretse KAVARUGANDA bamucuze inkumbi.

Igihe tukibaza ukuntu ba
baminisitiri ba Guverinoma ya
giteri NSANZIMANA --ngo ni
giteri mu buhanga bw'amate
da ! --na Dogiteri HABYARI
NA buzuyemo injijuke mu by'a
tegeko (ba MUNYAZESA, C
BAHIRO, MUGIRANEZA u
wirirwaga arya amafaranga y'
ko, akaba ari umwe mu bafung
GAKUBA) batashoboye guh
ra ibi, IJAMBO ryongeye ku
geza gusobanurira abanyarw
aho ibintu byapfiriye. Umush
RWANDATEL urapfubye.

Abadepite bazongera ahari
te igihe cyabo bawiga ! Barya
rubanda ntacyo barukorera ! Nu
mero ya mbere y'IJAMBO tw
ditse ko bakwiye kwegura, tur
icyo bategereje !

Abanyamakuru ba ORINF
nabo ni abo kwamaganwa, bag
rezwa kubwira abanyarwanda
atari Perezida wa Repubul
cyangwa abadepite bemeze ko
geko rigiyeho kuko hejuru ya P
rezida wa Repubulika n'abadep
hari ikintu gikuru gishushany
muri ba KAVARUGANDA,
NDEZE, ba RUBADUKA n'a
ndi. Icyo kintu ni Urukiko Rur
iremezo ry'itegekonshinga.

Abamenyereye gupfuka
nka ba Sagihobe (abanyamakuru
ORINFOR) ntibashobora kubw
rubanda ukuri kuzuye. Batinya
bavuge se ko hejuru ya Nyirub
ka hari undi ? Oya. Niyo mpam
badashaka ko ubucamanza bu
nyekana; birengagiza ko ari r
rwego rukuru, igihe impaka z
yewe n'izivanaho Perezida wa R
pubulika, ariho zikemurirwa.

Igihe kirageze ngo abany
rwanda twamagane ingoma y
jeyo ukuri, igashyigikira ikinyo
kidatuma n'abashishozi batinyuk
kubwira "ubutware" ko umushi
w'itegeko uyu n'uyu urimo ama
sa. NSANZIMANA Sylvestre a
gayitse cyane. Mu IJAMBO ri
twanditse ko arutwa na MUJY
NAMA washoboye gukingaho i
ki; none NSANZIMANA y
mbitse ubusa mu isoko, ananirwa
gukingaho udutoki.

**HANGIMANA Fr. Xavi**

# Depite RUCAGU ntashobora guhemukira MDR.

**Muribuka Depite RUCAGU mu IJAMBO N° 12 ku rupapuro rwa 6: icyo gihe twari tuzi ko ari muri MDR. Nyuma twumvise ahubwo ko ari umwe mu bagaba ibitero bigamije gusenya no gutsemba abayoboke ba MDR. Twumve uko abisobanura.**

**IJAMBO: Uri muri MRND kandi abantu bari biteguye ko ujya mu ishyaka ry'abakuru, waje kubura ute mu ishyaka ry'abakuru?**

RUCAGU: Mbere na mbere ndabanza kugushimira cyane kuba wagize igitekerezo cyo kuza kumbaza icyo ntekereza ku bibazo bya poritiki biriho muri iki gihe, bikaba byugarije igihugu cyacu. Binyeretse ko uri umunyamakuru nyawe kuko ucukumbura, ukavoma ku isoko nyayo, ukagira igitekerezo cyo kwandika ibintu wigereyeho ubwawe, ibintu wiboneye n'amaso yawe, ibintu wiyumviye n'amatwi yawe, aho kumva ibihuha bikomoka ku bahuragura ibigambo. Gusa umbabarire nkubaze gato, unsobanurire kuko ntumva neza ishyaka ry'abakuru iryo ariryo.

**IJAMBO: Ishyaka ry'abakuru ni MDR.**

RUCAGU: Ndumva aho tudahuza neza. Muri buri shyaka harimo abantu b'ingeri zose. Ni nayo mpamvu ntemera ko MDR ari ryo shyaka ry'abakuru.

**IJAMBO: MDR niryo shyaka ry'abakuru kubera ko ari ryo ryatugejeje ku bwigenge, niryo ryatugobotoye ingoyi ya gihake.**

RUGACU: Ubwigenge twabugejejweho na *"MDR PARMEHUTU"* ntabwo ari MDR. Ingoma ya gihake nayo yavanyweho na *"MDR PARMEHUTU"*.

**IJAMBO: Itandukaniro ubonamo ni irihe?**

RUCAGU: Révolution ya 1959 yabaye ndiho. Amashyaka yariho yose ndayazi; ku buryo nta shyaka ryigeze kwitwa MDR gusa. Iryo twese tuzi ryabayeho ni *MDR PARMEHUTU* ari naryo ryazahuye u Rwanda.

## Byageze n'aho abategetsi bambuza kwakira ibibazo by'abaturage: bakora nko ku ngoma ya cyami.

**IJAMBO: Noneho rero mbwira ukuntu wowe wagiye muri MRND kandi abantu hafi ya bose bari bazi ko uri muri MDR!**

RUCAGU: Abavuga ko nari naragiye muri MDR barabeshya. Abo babivuga nta n'umwe wigeze aza kumbaza niba ibivugwa aribyo koko. Abantu bakwije hose ko nagiye muri MDR, kuko ngo babonaga ntashobora kuguma muri MRND kandi narayigiriyemo ibibazo bikomeye. Abategetsi banyirutseho cyane, ku buryo bankwije hose mu gihugu ngo nivanga mu mirimo yabo, ngo mbabuza gutegeka! Ubwo kandi bamporaga ko nanga ko umuturage yategekwa nka mbere ya 1959. Banzizaga kandi ko kuva naba Depite niyemeje kugena umunsi

Ibyo byarushagaho kurakaza abategetsi bo mu nzego zose, ngo ndashaka amajwi ngo nzabe uwa mbere! Byageze igihe abategetsi bo hejuru bambwira ko nkwiye kureka kwakira ibibazo by'abaturage ngo kuko binteranya n'inzego z'ubutegetsi. Njye rero nababwiye ko aho kureka kwakira ibibazo by'abaturage, nahitamo kureka ubudepite. Umuturage yaragutoye, agutora akwizeye. Nyuma yaza akugana, ukamwirukana?

– Impamvu abategetsi banyirutseho naberekaga ko mu bihe tugezemo badakwiye gutegeka nko ku ngoma ya cyami. Akenshi rero abategetsi ntibakunda ko umuntu abereka ukuri, nta nubwo bakunda umuntu wese uvugira abaturage.

Ibyo byarankurikiranye cyane. Iyo ntaza kuba umudepite baba baranyirukanye. Nanjye kandi nakomeje kwakira ibibazo by'abaturage, kimwe no gukomeza kubarenganura igihe babaga barengana kuko byakundaga kuba kenshi. Nibwo rero bigeze mu itora ryo mu 1988, abategetsi barahaguruka, bati tubonye umwanya wo guhirika RUCAGU. Abategetsi twapfaga ko barenganya abaturage, bafatanya n'abavugaga ko mbarusha amajwi, maze barandwanya koko. Kandi rero baribeshya, ntabwo nabarushaga amajwi, ni ubwoba bw'ubusa bagiraga.

Nibwo bahagurutse bakwira mu baturage, mu bakozi ba Leta no mu bandi bantu bose, bababwira ko batagomba kuntora. Kubera rero ko abaturage bari bamaze kumenya ko ari bo ndimo kuzira, barahagurutse, bavuza induru, barasakuza cyane maze ibintu birakomera, ku buryo byageze kuri Perezida wa Repubulika, agahita amenyesha abo

## Société IJAMBO

**IJAMBO rikomeje ya ntego ryabararikiye muri n°20 ku rupapuro rwa nyuma: IJAMBO rirashaka kuba umuryango (société coopérative ou société SARL ou S.A.), uko abanyamuryango bazabishaka. Kuba umunyamuryango ni ugutanga 3000 FRW igihe uri mu Rwanda, 5.000 Frw uri i Burundi; 6.000 Frw uri muri Afurika; 10.000 Frw uri ahandi ku isi.**

**Imigabane niyamara gushyika, hazaterana inama bemeze imari (capital) y'ifatizo igihe igeze kuri 3 000000 Frw. Kandi buri munyamuryango ahabwa IJAMBO ku buntu igihe cyose isosiyete itaremerwa n'amategeko.**